REPUBULIKA Y'URWANDA

PEREFEGITURA GIKONGORO

MIJESCAFOP GIKONGORO.

Gikongoro, le 1/12/1997

Innocent (urgent).
dégager les différents points saillants du rapport, proposer le suivi par les différents départements concernés
8.12.1997

Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco, Siporo no Kwigisha Imyuga Iciriritse KIGALI.

Impamvu: Raporo y'Urugendo rwa Nyakubahwa Minisitiri wa MIJESCAFOP rwabaye taliki ya 27/11/kugeza kuya 1/12/1997.

Binyujijwe kuri Bwana Perefe wa Perefegitura GIKONGORO.

REPUBLIQUE RWANDAISE GIKONGORO

Nyakubahwa Minisitiri,

Nejejwe no kubagezaho raporo y'urugendo mwagiriye mu majyepfo y'igihugu ariko by'umwihariko muri Perefegitura ya Gikongoro, mwe n'abandi banyacyubahiro bari bebaherekeje.

Turabashimira tunabashyitsaho bimwe mu nkunga mwaduteye.

Tubifulije kubyakira neza.

Umuyobozi w'Urubyiruko, Umuco, Siporo no Kwigisha Imyuga Iciriritse ku Gikongoro
Edward BYARUHANGA.

REPUBLIQUE RWANDAISE ENCADREMENT PREFECTORAL DE GIKONGORO MIJEUMA

Bimenyeshejwe:

Bwana Diregiteri w'Imyuga Iciriritse muri MIJESCAFOP KIGALI.

Hari kuwa kane tariki ya 27/11/1997 ubwo intumwa za Goverinoma ziyobowe na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Petero Celestini RWIGEMA zasuraga abaturage ba Komini KINYAMAKARA na KARAMA. Mu banyacyubahiro bamuherekeje harimo Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco, Siporo no Kwigisha Imyuga Iciriritse Dr. Yakobo BIHOZAGARA.

Urugendo rwanyu Nyakubahwa Minisitiri rwari ingirakamaro. Bimwe mubyavuzwe n'ibyemewe bikubiye muncamake ikurikira.

- KINYAMAKARA -

Mw'ijambo mwahavugiye harimo impamvu eshatu zituma Gikongoro harangwa inzara y'urudaca.

1. Ubutaka busharira (acidity of soil)
2. Isuli (soil erosion)
3. Gutsemba amatungo yatumaga ifumbire y'imborera iboneka.

Musoza mwemeza ko buri ngingo ivugwe haruguru ko yafatirwa ingamba zihamye, murazisobanura: Harimo Gutema amaterasi, Guhinga imyaka yihanganira ubusharire, no Korora amatungo, gukoresha ifumbire n'ishwagara.

- KARAMA -

Mu rwego rwo gutera inkunga iyo Komini ari nayo irusha andi makomini inzara cyane, mwahemereye inkunga y'ibikorwa by'iterambere hakaba Ingando y'Urubyiruko. Iyo nkunga yari igisubizo cy'icyifuzo cya Bwana Perefe wa Perefegitura ya Gikongoro. Mu gihe kitagiye kure Nyakubahwa Minisitiri, umushinga n'icyakorwa mu rwego rw'iyo nkunga uzabagerahо nkuko bisaba ubufatanye n'ubushishozi hagati y'Ubuyobozi bwa Perefegitura ndetse na Komini.

- KIBEHO VOCATIONAL TRAINING CENTRE -

Harakeye kuya 28/11/1997 aribwo mwasuye ikigo cyigisha imyuga iciriritse cya KIBEHO aha mwari muherekejwe na Bwana Perefe wa Perefegitura ya Gikongoro, Diregiteri w'Imyuga iciriritse, Commanding Officer 19th BN, hamwe n'ubahagaraliye ku Gikongoro. Aha mumaze kwibonera ibyiza urubyiruko rumaze kugeraho, mwemeje ko amezi atandatu ahagije kugirango urwo rubyiruko rwiga imyuga rube rubaye abafundi bemejwe. Gusa nkuko imyiteguro y'igihe kibanje iteka itoroshye aha mwavuze ko igihe kiramutse kidahagije neza abo bana (urubyiruko) rwakongererwa igihe bakanononsora gahunda nkuko yateganijwe, dore ko intego atari igihe ahubwo ar'ubumenyi butanzwe n'icyo kigo.

Nyakubahwa Minisitiri, ibindi mwemeye harimo ibi bikurikira: - Amafaranga yo kugura imbaho urwo rubyiruko rwigiraho uwo mwuga.

- Ibikoresho mwabwiye Coordinator w'ibigo byigisha imyuga bibura ko azabashyikiriza urutonde rwabyo maze mukabimuha vuba (aha mwavugaga kuya 04/12/1997 mu rugendo muteganya n'abandi bayobozi bakuru b'Igihugu mu karere ka Nyaruguru).
- Imipira n'ibindi bikoresho by'imikino nabyo mwemeye ko bizaboneka kugirango urwo rubyiruko rubone urubuga rwo kwidagadura. Mboneyeho Nyakubahwa Minisitiri no kubasaba ko natwe muri Encadrement mwatuzirikana nkuko nabamenyesheje ko icyo kibazo natwe kitatworoheye.
- Amabati yo gutwikira imbaho mwemeje ko ayari mu Ngando ya Gasaka ko yafasha muri icyo gikorwa.

Ibindi bibazo:

- Nuko ikigo kitegeranye kubera ko aho ubu ikigo gikorera ari muri Paruwasi. Byatumye mukomeza urugendo mwerekeza i Ndago hari C.F.J ndetse na CERAI mu rwego rwo kugirango ikigo kibe kiri hamwe ndetse na Generator y'amashanyarazi ibone uburyo yakoreshwa kuko ahandi ubu ikigo gikorera bitashoboka kubera kutegerana (fragamantation).

Kugirango kandi ikigo kisansure kandi kinacungirwe hamwe kurushaho, kubera ko amenshi muri ayo mazu y'ibyo bigo harimo abantu badafite amazu, mwasabye Bwana Perefe ko yafata gahunda ihamye kandi ya vuba maze bakabona amazu mu midugudu baturamo bityo umwanya wo gusana ibyo bigo ukaboneka kugirango gahunda yo kwigisha imyuga irusheho kunonosorwa.

Ku cyumweru tariki ya 30/11/1997 gahunda yo gusura i Murambi ikigo kirererwamo abana b'inzererezi (Street Children) ntabwo yashobotse kubera ko gahunda yarogowe n'imvura nyinshi n'imihanda. Kandi hari akazi kandi mwajyagamo. Gusa ubutumwa mwatanzeyo nuko mwasezeranije ko muzahita mwohereza ababishinzwe (Rwanda Rw'ejo Project Officers). Maze icyo babonye bakibagezaho kigahita gishyirwa mu bikorwa kugirango urwo Rwanda rw'ejo rurusheho kugira imibereho ihwitse.

.../...

Bukeye tariki ya mbere Ukuboza 1997 nibwo mwasuye ikigo cya Mwogo giteganya kwigisha mu gihe cy'imyaka itatu. Hano mwemeye ko:

- Abana bazahabwa ibyo kurya sa sita kugirango amasomo bayakurikire nta mbogamizi.
- Mwemeje umuyobozi mushya w'ikigo.
- Mwasobanuye ko Ishyirahamwe DIARWA ritakongera kwivanga mu kazi k'ikigo keretse babiboneye uburenganzira butanzwe na Minisiteri muyobora.
  Ku byerekeye imbuto yatewe mwemeye ko yasarurwa ariko ntayindi yaterwa na DIARWA ndetse mwemera nuko iyo twasanze itaraterwa mwayigurira DIARWA maze ikigo nacyo cyigatangira gushaka umusaruro.

Nyakubahwa Minisitiri, turabashimiye cyane n'ukuntu mwiyiziye kureba ibibazo duhura nabyo muri Perefegitura mwadutumyemo gukora akazi. Muri ibyo ndongera kubatakambira mbasaba ko mwatworoherezа mukaduha nibura i SUZUKI yo kudufasha akazi mu misozi namwe mwiboneye n'imihanda itari shyashya.

Nyakubahwa Minisitiri, sinarangiza ntashimiye n'intumwa zose mwari kumwe muyoboye, ibyiza mwadushyikijeho, kugeza aho mushoreje urugendo rwanyu mwerekeza i KAVUMU. Murakoze.

Umuyobozi w'Urubyiruko, Umuco, Siporo
no Kwigisha Imyuga [illegible] ku Gikongoro
BYARUHANGA Edward

REPUBLIQUE RWANDAISE
ENCADREMENT PREFECTORAL DE GIKONGORO
MIJEUMA